Albuquerque Public Schools

Uburenganzira butangwa n'umubyeyi bwo Gusubiramo Igihangano cy'Umunyeshuri

Gahunda nyinshi, ibikorwa n'iminsi mikuru bibera mu bigo by'Amashuri ya Leta bya Albuquerque (Albuquerque Public Schools) abaturage barabyishimira. Akenshi ziba zishingiye ku burere mboneragihugu, ku kwiga kandi abanyeshuri n'andi matsinda bakaba bashishikariye kwigira ku banyeshuri bacu na gahunda zacu.

Byongeye, mu gihe cy'umwaka w'amashuri, umwana wawe ashobora kwitabira na/cyangwa guhanga ibintu cyangwa ibihangano binyuranye, birimo ariko bitagarukira gusa ku bugeni, ubuvanganzo, videwo yafashwe, amajwi yafashwe, amafoto na/cyangwa porogaramu za mudasobwa, hano byiswe "igihangano cy'umunyeshuri". Mu gushyira umukono kuri iyi fishi, uhaye Ifasi y'Amashuri uburenganzira bwo gutangaza "igihangano cy'umunyeshuri" cy'umwana wawe mu buryo butandukanye, burimo ariko butagarukira gusa ku bitangazwa, ibyahurijwe hamwe, ibyamuritswe n'ibigaragazwa ndetse n'ibindi byakozwe ku buryo bw'amashusho n'amajwi.

Birazwi kandi ko mu gihe "igihangano cy'umunyeshuri" cyashyizwe hanze, Ifasi y'Amashuri iba itagishoboye kugenzura uko icyatangajwe gishobora gukoresha cyangwa kikerekanwa n'abandi. Mu gushyira umukono kuri Iyi nyandiko y'uburenganzira bwo gutangaza ku mugararo, ukomoreye Akanama gashinzwe uburezi k'Ifasi y'ibigo by'Amashuri bya Albuquerque (Albuquerque Public Schools Board of Education), abakagize, abakozi bako, abagahagarariye mu rwego rw'ibikorwa n'abagahagarariye mu rwego rw'ubuyobozi (hano biswe "Abakomorewe") ku birego ibyo ari byo byose ushobora gukurikiranaho Abakomorewe bitewe nuko Ifasi y'Amashuri yatangaje cyangwa ikemererwa gutangaza "igihangano cy'umunyeshuri" nkuko byasobanuwe muri iyi fishi, ndetse n'uburyozwe bwose cyangwa ubwo ari bwo bwose bushobora gukomoka ku itangazwa ry' "igihangano cy'umunyeshuri" cyangwa kureka "ishusho y'umunyeshuri/igihangano" kigatangazwa, nk'uko byasobanuwe muri iyi fishi.

Uramutse ushatse kuvanaho uburenganzira bwatanzwe ushyira umukono kuri iyi fishi, ushobora kubikora umenyesha ikigo cy'amashuri umunyeshuri yigaho, *mu buryo bw'inyandiko*, ko uvanyeho ubwo burenganzira.

Uburenganzira butangwa n'Umubyeyi

Nasomye/Twasomye kandi nsobanukiwe/dusobanukiwe amakuru ari hejuru. Mpaye/duhaye Ifasi y'Amashuri uburenganzira bwo gutangaza "igihangano cy'umunyeshuri" cy'umwana wawe mu buryo butandukanye, burimo ariko butagarukira gusa ku bitangazwa, ibyahurijwe hamwe, ibyamuritswe n'ibigaragazwa ndetse n'ibindi byakozwe ku buryo bw'amashusho n'amajwi. Ndetse inyungu zose ku gihangano cy'ubugeni cy'umwana wanjye harimo iz'amafaranga.

Ikigo cy'amashuri: _____ Nomero iranga umunyeshuri: _

Izina ry'Umunyeshuri (mu cyapa):_____

_____ _____

Umukono w'Umubyeyi/Umurezi Itariki

_____

Amazina y'umubyeyi/umurezi (mu cyapa)

Nyuma yo gusoma no gushyira umukono ku ifishi itangirwaho uruhushya, yitange ku kigo cy'amashuri cy'umwana wawe. Iyi fishi izabikwa kuri icyo kigo cy'amashuri.